2022

Inama nkuru y'Uburezi muli Buffalo

Ibyemerewe abanyeshuli mu gukoresha ikoranabuhanga

Umunyeshuri

Imhurizahamwe y'amashuli ya leta muli Buffalo iha abanyeshuli za mudasobwa n'imiyoboro bikoreshwa mu kwigishwa. Iyo umunyeshuli alimo gukoresha mudasobwa, imiyoboro, n'ibikoresho by'imhurirane y'amashuli ya leta muli Buffalo, aba ategerejweho ibi bikulikira:

Kwubahiliza ibikorwa bwite bya buli wese n'umutekano w'imhurirane y'amashuli ya leta muli Buffalo.

- Buli munyeshuli ni we wenyine ukoresha ID ni'ijambo-banga bye – kirazira gukoresha ID n'ijambo-banga by'undi.
- Kirazira kugira uwo ubwira ijambo-banga ryawe.
- Ntugashake kumenya ijambo-banga ry'undi muntu.
- Nt'ugashake guhagalika, kwica cyangwa kubangamira uko za mudasobwa,uruhulirane rw'ibikoresho cyangwa amakuru yo muli internet bikora .
- Sigaho gushaka, kubika cyangwa gukwirakwiza amakuru alimo urwango, yabasira abandi, atukana, asebanya cyangwa avuga abandi nabi; n'amakuru y'ikinyoma, aganisha ku gitsina, ateye isoni cyangwa amakuru adakwiliye gukwirakwizwa.
- Nt'ukivange mu bikorwa bya bagenzi bawe, bigamije kwigishwa cyangwa indi milimo.

Kwubaha uburenganzira bukomye n'imhushya zirebana n'ikoranabuhanga n'amakuru.

- Nt'ugakopere, ngo ukurure, ngo wicaze mo cyangwa ukwirakwize mugenga, urenga ku mategeko agenga uburenganzira bukomye cyangwa amasezerano yerekeranye n'imhushya zo gukoresha ibihangano.
- Nt'ugakopere, ngo ukwirakwize cyangwa wohereze amakuru, urenze ku mategeko agenga ibihangano bikomye. **Jya wubaha ubutavogerwa bwa za mudasobwa, urusobe rw'imiyoboro n'ibikoresho byacu.**
- Nt'ukageragеze kwinjira muli za mudasobwa,cyangwa imiyoboro utabiherewe uburenganzira.
- Nt'ukicaze imiyoboro cyangwa peripherals muli mudasobwa z'imhurizahamwe z'amashuli ya leta muli Buffalo. Nt'ugahuze mudasobwa, umuyoboro cyangwa igikoresho cy'itumanaho by'imhurizahamwe z'amashuli ya leta muli Buffalo.
- Nt'ukarenge imyugaliro cyangwa ikintu cyashyiliweho kulinda, gukulikirana cyangwa gukumira abashaka kwiba amakuru (urugero: nt'ugakoreshe umuhereza w'ikoranabuhanga utabigenewe, ushaka kunyura iruhande rw'ibyo imhurirane z'amashuli zashyizeho kugirango bitangire abashaka kwiha kubyo mudasobwa z'amashuli ya leta muli Buffalo ziba zibitse).
- Nt'ukareme, ngo ukurure, wicaze mo cyangwa ngo ukoreshe mugenga cyangwa igikoresho cy'ikornabuhanga bikoreshwa mu kwinjira muli za mudasobwa cyangwa imiyoboro by'ikoranabuhanga wifunguliye rwihishwa.
- Nt'ugahindure, ngo uvanemo cyangwa wangize za mudasobwa, imiyoboro cyangwa ibikoresho by'ikoranabuhanga.
- Nt'ugakoreshe mugenga cyangwa ibikoresho by'ikoranabuhanga ushaka kubuza abakozi b'amashuli ya leta muli Buffalo, kwinjira muli za mudasobwa ngo bagere ku makuru. **Amakuru y'ikoranabuhanga na mudasobwa agomba gukoreshwa ku byatangiwe uburenganzira byonyine.**
- Jya ukoresha za mudasobwa n'imiyoboro mu bikorwa bijyane n'amasomo gusa – nt'ukabikoreshe mu mikino itagira aho ihuliye n'amasomo cyangwa mu bikorwa bibujijwe cyangwa binyuranyije n'amategeko.
- Nt'ukinjire mw'ikoranabuhanga ry'amashuli ya leta muli Buffalo ukoresheje umuyoboro cyangwa mudasobwa utahawe n'uruhurirane rw'amashuli ya leta muli Buffalo.
- Nt'ugate igihe mudasobwa ikoresha mu kurangiza akazi yahawe cyangwa ngo wangize umwanya ifite y'aho ibika ibyo iba ibitse, ubushobozi bwayo bwo gukorana n'izindi cyangwa ngo wangize ibikoresho by'ikoranabuhanga. **Linda ibikoresho by'ikoranabuhanga kwibwa, gutakara, gufungulirwa abatabigenewe, cyangwa gukoreshwa n'abatabyemerewe.**
- Nt'ukihe cyangwa ngo ugire uwo usangiza ikoranabuhanga utaherewe uburenganzira, kandi nt'ukagire uwo ufasha kubikora.
- Nt'ukagire amakuru uha abantu bashobora kuyakoresha biyinjiza muli za mudasobwa z'amashuli ya leta muli Buffalo batabyemerewe.
- Jya wita kuli mudasobwa n'ibikoresho by'ikoranabuhanga ushinzwe, maze ubilinde gutakara, kwibwa, kwangilika no gukoreshwa n'abatabyemerewe na mwalimu cyangwa undi muyobozi.

Icyitonderwa: Uruhulirane rw'amashuli ya leta muli Buffalo rufite ukuntu rulinda za mudasobwa n'imiyoboro byarwo, hakulikije itegeko ligenga ubulinzi bw'abana mw'ikoranabuhanga ry'amashuli ya leta muli Buffalo [Child Internet Protection Act (CIPA)] , kandi rwashyizeho n'ubundi bulinzi bwo kulinda amakuru aba abitse, yoherezwa cyangwa ashyirwa ahagaragara. Abanyeshuli bagomba kumenya ko nta kintu bashobora gukorera kuli mudasobwa no ku miyoboro y'uruhurirane rw'amashuli ya leta muli Buffalo, bibaza ko bihereye ntawubareba.

Abo bireba n'ibihano

Aya mabwiliza areba abanyeshuli bose b'uruhulirane rw'amashuli ya leta muli Buffalo. Kuyarengaho bishobora gutuma umunyeshuli atakaza uburenganzira bwo gukoresha mudasobwa, n'ibindi bihano. Hali n'igihe kurenga ku mabwiliza y'uruhulirane rw'amashuli ya leta muli Buffalo bishobora gutuma habaho ikirego cy'indishyi, cyangwa ikirego gishobora guhabwa igihano cyo gufungwa. Bibaye ngombwa, amashuli ya leta muli Buffalo ashobora no gukulikirana abantu abarega kwinjira muli mudasobwa, kuzikoresha nta ruhusa, cyangwa kuzangiza.

Ashingiye ku burenganzira ahabwa n'inama nkuru y'uburezi mu cyemezo cyayo #1420, Umuyobozi mukuru w'amashuli ategetse ko ibivugwa muli aya mabwiliza agenga uburyo bwo gukoresha za mudasobwa n'ikoranabuhanga byemewe, bibaye itegeko, kandi amabwiliza yali asanzweho mu buyobozi bw'amashuli arebana n'ikoresha ry'ikoranabuhanga mu mashuli, avanyweho.

Dr. Tonja. Williams,
Umuyobozi mukuru w'amashuli
Italiki 2 Kanama, 2022

Izina ry’umubyeyi (Ryandike)	Izina ry’umunyeshuli (Ryandike) print)
Umukono w’umubyeyi	Umukono w’umunyeshuli

Italiki _____ Ishuli ry’umwaka yigamo_____